# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 18-21 Ukwakira



Rally : Karan Patel yegukanye "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2024"

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Rally :** Karan Patel yegukanye "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2024"

P2 **Football :** Habaye imino y'umunsi wa 6 muri shampiyona ya 2024-2025

P2 **Cycling :** Muhoza na Mwamikazi begukanye "Kirehe Race 2024"

P3 **Wheelchair Basketball :** Habaye imikino y'umunsi wa mbere

P3 **Volleyball :** Habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona ya 2024-2025

P4 **Handball :** Abasifuzi bahawe amahugurwa mbere gutangira umwaka w'imikino wa 2024-2025

P4 **Swimming :** Ubuyobozi bwa RSF bwasuye amakipe y'i Rubavu na Gicumbi

P5 **Boccia :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri

P5 **Football :** Ikipe y'u Rwanda yabaye iya kane muri "FC Bayern Youth Cup 2024"

# 1 **Rally :** Karan Patel yegukanye "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2024"

Tariki 18 kugeza 20 Ukwakira 2024, mu Rwanda habereye irushanwa mpuzamahanga ryo gusiganwa mu modoka "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2024".

Iri siganwa riri ku rutonde rw'amasiganwa atanga amanota muri shampiyona y'Afurika ryegukanwe na Karan Patel ukomoka muri Kenya akaba ari inshuro ya 3 yikurikiranya yegukanye iri siganwa. Ku mwanya wa kabiri haje Michael Jr Mukula (Uganda) naho ku mwanya wa 3 haza Mutebi Nasser (Uganda).

Imodoka ya Kanangire Christian wakinanye na Tuyishime Regis ni yo modoka yaje hafi ku mwanya wa 4 mu zari zihagarariye u Rwanda.

Iri siganwa ryari ryitabiriwe n'imodoka 23 zari zirimo 6 zihatanira amanota muri shampiyona y'Afurika.

Nyuma yo kwegukana "Rwanda Mountain Gorilla Rally 2024", Karan Patel yahise agira amanota 140 muri shampiyona y'Afurika "FIA African Rally Championship 2024" ndetse akaba yaramaze no kwegukana iyi shampiyona y'Afurika 2024.

Karan yegukanye iri siganwa ryo mu Rwanda nyuma yo kwegukana andi masiganwa 3 aheruka harimo isiganwa ryabereye muri Uganda, Zambia n'i Burundi. Ku mwanya wa 3 hari Michael Jr Mukula (Uganda) n'amanota 47 naho ku mwanya wa 3 hari Jas Mangat (Uganda) n'amanota 28.

Isiganwa risigaye ku ngengabihe akaba ari irizabera muri Kenya kuva tariki 29 Ugushyingo kugeza 01 Ukuboza 2024.













## **Football :** Habaye imino y'umunsi wa 6 muri shampiyona ya 2024-2025

Tariki 19 kugeza 21 Ukwakira 2024 habaye imikino y'umunsi wa 6 muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mpira w'amaguru mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

RWANDA PREMIER LEAGUE
RESULTS
DAY 6

SATURDAY 19 OCTOBER 2024

| | | |
|---|---|---|
| ETINCELLES FC | 2-3 | AMAGAJU FC |
| MUSANZE FC | 1-1 | MUKURA VS |
| MUHAZI UNITED | 1-0 | RUTSIRO FC |
| RAYON SPORTS | 2-0 | BUGESERA FC |
| APR FC | 1-0 | GASOGI UNITED |

SUNDAY 20 OCTOBER 2024

| | | |
|---|---|---|
| POLICE FC | 0-0 | GORILLA FC |
| MARINE FC | 4-2 | KIYOVU SPORTS |

MONDAY 21 OCTOBER 2024

| | | |
|---|---|---|
| AS KIGALI | 2-1 | VISION FC |

TABLE
2024-2025

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | AS KIGALI | 6 | 3 | 13 |
| 2 | POLICE FC | 6 | 8 | 12 |
| 3 | RAYON SPORTS | 5 | 4 | 11 |
| 4 | GORILLA FC | 6 | 3 | 11 |
| 5 | AMAGAJU FC | 6 | 0 | 9 |
| 6 | MARINES FC | 6 | 2 | 8 |
| 7 | GASOGI UNITED | 6 | 0 | 8 |
| 8 | MUKURA VS | 6 | -1 | 8 |
| 9 | RUTSIRO FC | 5 | 0 | 7 |
| 10 | MUSANZE FC | 6 | 1 | 6 |
| 11 | MUHAZI UNITED | 6 | -3 | 6 |
| 12 | APR FC | 2 | 1 | 4 |
| 13 | ETINCELLES FC | 6 | -3 | 4 |
| 14 | BUGESERA FC | 5 | -3 | 3 |
| 15 | KIYOVU SPORTS | 5 | -8 | 3 |
| 16 | VISION FC | 6 | -4 | 2 |



## **Cycling :** Muhoza na Mwamikazi begukanye "Kirehe Race 2024"

Tariki 19 na 20 Ukwakira 2024 habaye isiganwa ry'umukino w'amagare ry'iminsi ibiri "Kirehe Race 2024" ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye n' Akarere ka Kirehe.

Ku munsi wa mbere tariki 19 Ukwakira 2024, muri "Men Elite & U-23" batangiriye kuri BK Arena basoreza i Kirehe. Muri "Women Elite" bahereye i Rwamagana basoreza i Kirehe naho muri "Juniors" bahera i Kayonza basoreza i Kirehe.


Ku munsi wa kabiri habaye isiganwa ryo kuzenguruka mu mujyi wa Kirehe.

Muri rusange, mu bagabo, Muhoza Eric ni we wegukanye isiganwa naho mu bagore ryegukanwe Mwamikazi Jazilla.

Mu batangereje imyaka 19, mu bakobwa isiganwa ryegukanwe na Uwiringiyimana Liliane, mu bahungu ryegukanwa na Byusa Pacifique.

Hanabaye kandi isiganwa ry'abatarabigize umwuga bakoreshe amagare asanzwe bari barimo n'ikipe yari yaturutse mu nkambi ya Mahama, muri iki cyiciro, Nsabimana Athanase mu bagabo na Mukabikorimana Laetitia mu bagore ni bo begukanye isiganwa.



## **Wheelchair Basketball :** Habaye imikino y'umunsi wa mbere

Tariki 20 Ukwakira 2024, muri NPC-Rwanda Gymnasium i Remera habereye imikino y'umunsi wa mbere muri shampiyona ya Basketball ikinwa n'abantu bafite ubumuga "wheelchair Basketball championship 2024-2025" mu bagabo n'abagore.

**Uko imikino yagenze**
**Abagabo**

- Kicukiro **14-34** Bugesera
- Musanze **43-6** Gicumbi
- Kicukiro **26-30** Gasabo
- Gicumbi **5-15** Indangamirwa

**Abagore**

- Gasabo **6-20** Kicukiro
- Move Dreams **1-18** Kicukiro








## **Volleyball :** Habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona ya 2024-2025

Tariki 18 na 19 Ukwakira 2024 habaye imikino y'umunsi wa mbere muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore mu mukino wa Volleyball. Iyi mikino yose yabereye muri Petit Stade Amahoro i Remera.

**Uko imikino yagenze**









## **Handball :** Abasifuzi bahawe amahugurwa mbere gutangira umwaka w'imikino wa 2024-2025

Tariki 20 Ukwakira 2024, habaye amahugurwa y'umunsi umwe y'abasifuzi b'umukino wa Handball mu rwego rwo kubongerera ubumenyi ndetse no kuganira ku mategeko agezweho y'umukino wa Handball mbere y'itangira ry'umwaka w'imikino wa 2024-2025 guhera tariki 26 Ukwakira 2024.


Aya mahugurwa yateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" yayobowe n'impuguke Rurangirwa Aaron asozwa ku mugaragaro na Visi-Perezida wa mbere wa FERWAHAND, Dr Akumuntu Joseph.











## **Swimming :** Ubuyobozi bwa RSF bwasuye amakipe y'i Rubavu na Gicumbi

Tariki 19 na 20 Ukwakira 2024, ubuyobozi bw'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" bwasuye amakipe akorera mu Karere ka Rubavu ndetse na Gicumbi mu rwego rwo gukurikirana no kureba imikorere yayo.

Amakipe yasuwe harimo Vision Jeunessse Nouvelle, Gisenyi Beach SC (Rubavu) na Rwesero SC (Gicumbi).

Perezida wa RSF, Munyana Cynthia watangiye iyi mirimo muri Kanama 2024 yashimiye aya amakipe abizeza ubufatanye mu iterambere ry'umukino binyuze mu kuzamura impano z'abakiri bato.







## **Boccia :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri

Tariki 19 Ukwakira 2024, mu Karere ka Rulindo habereye imikino y'umunsi wa kabiri ya shampiyona y'umukino wa Boccia "Boccia Championship 2024-2025".

**Uko imikino yagenze**

- Rulindo **11-0** Musanze
- Gakenke **7-8** Rulindo
- Nyarugenge **7-4** Rwamagana
- Huye **0-8** Rutsiro
- Muhanga **4-8** Rwamagana










## **Football :** Ikipe y'u Rwanda yabaye iya kane muri "FC Bayern Youth Cup 2024"

Ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 4 mu irushanwa ritegurwa n'ikipe ya FC Bayern Munich mu Budage "FC Bayern Youth Cup World Final 2024".

Iri rushanwa ryari ryahuje amakipe 9 y'abana bari munsi y'imyaka 16, ikipe y'u Rwanda ikaba yari igizwe n'abakinnyi 10. Ikipe yabaye iya mbere ni Argentine, ikurikirwa na Koreya na USA naho u Rwanda ruza ku mwanya wa 4.

Ikipe yaserukiye u Rwanda yari igizwe na Ngomayikizungu Amani, Ishimwe Fred, Nsengiyumva Alpha, Ishimwe Prince Alonso, Nshimiyimana Obed, Cyuzuzo Isiaka, Ishimwe Elie, Niyongabo Patrick, Niyonzima Muhudi na Ishimwe Djibril.







RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave